**IKINYARWANDA**
**Itariki : 12/06/2025**
**Isaha : saa munani-saa kumi n'imwe(14h00-17h00)**

# IBIZAMINI BISOZA IGIHEMBWE CYA 3

**IKICIRO:** **RUSANGE CY'AMASHURI YISUMBUYE**
**UMWAKA WA:** **MBERE (S1)**

**IGIHE KIMARA:** **amasaha 3**

**AMANOTA:** **…… /100**

## AMABWIRIZA

1. Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
2. Ikizamini kigizwe n'**ibibazo 20**. Mbere yo gutangira banza ugenzure niba ibyo bibazo byuzuye.
3. Ikizamini kigizwe n'ibice bine:
   - **Igice cya mbere:** Kumva no gusesengura umwandiko **(amanota 25)**
   - **Igice cya kabiri:** Ikibonezamvugo **(amanota 25)**
   - **Igice cya gatatu :** Ubumenyi rusange bw'ururimi **(amanota 25)**
   - **Igice cya kane :** Ihinamwandiko n'ihangamwandiko **(amanota 25)**
4. Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
5. Gusiribanga, guhindagura no guhuza ibisubizo na mugenzi wawe bifatwa nko gukopera cyangwa gukopezwa.
6. Koresha ikaramu y'**ubururu** gusa.

## IGIKONA, INYANGE N'UMUKECURU

Kera hariho igikona n'inyange byarika hamwe, bikajya bijyana gutora bikanatahira rimwe mu byari byabyo. Bukeye igikona kirabyara kibyara abana basa nabi cyane. Inyange na yo ibyara abana beza by'agahebuzo. Igikona kiti: "Nge nabyaye ibyana bibi nzabijugunya maze ntware bariya bana b'inyange".

Nuko buracya inyange igenda igiye gutora, igikona kisigaza mu rugo kitoratoza. Igikona gifata abana b'inyange kiriruka gisiga ibyana byacyo aho ngaho. Igikona kigera mu ishyamba kihasanga umukecuru wari ufite ubumuga akagira ukuboko kumwe n'ukuguru kumwe. Kiti: "Yewe wa mukecuru we, mbikira aba bana bange". Umukecuru arabakira abaha amata, aranabaryamisha, bararuhuka.

Inyange na yo uwo munsi ntiyatora kure, igaruka bwangu, igeze mu cyari isanga harimo abana b'igikona. Ifumyamo iriruka, igeze mu ishyamba ibona abantu batashya inkwi, iti:

"Yemwe mwa batashyi mwe
Mwo gatashya kera mwe,
Nta gikona nyamunobo kinobagira
Gihetse abana babiri batoshye
Gisize abacyo b'inyamunwandi?" Abatashyi bati: "Ngicyo kirahise".

Nuko inyange irakomeza, igera aho abahinzi bahinga, itangira kuririmba, iti:
"Yemwe mwa bahinzi mwe
Mwo gahinga kera mwe,
Nta gikona nyamunobo kinobagira
Gihetse abana babiri batoshye
Gisize abacyo b'inyamunwandi?"
Bati: "Ngicyo kirahise komeza ugende".

Inyange irakomeza, yigiye imbere isanga wa mukecuru, iramubaza iti: "Ese wa mukecuru we ntiwandangira umuntu unyibiye abana?" Umukecuru ati: "Hoshi ngwino nge kukwereka". Igikona cyari kikicaye aho kiruhuka kuko cyari cyagenze urugendo rurerure. Bageze mu rugo, igikona kibabonye gishya ubwoba.

Umukecuru yereka inyange abana igikona kizanye, igikona kiratsimbarara ngo ni abacyo. Umukecuru ati: "Ubwo mwembi mwemeza ko abana ari abanyu, ngaho nimuge hariya mwembi muri uriya mukungugu washyuhijwe n'izuba mwigaraguremo ndababwira. Inyange iremera ariko igikona kiranga ngo kidashya. Umukecuru agira amakenga.

Umukecuru ati: "Ngaho nimuge hejuru y'inzu murwanireyo, utsinda undi arabona abana be". Igikona kiranga ngo inzu idasenyuka. Umukecuru atahura ko abana ari ab'inyange ariko ashaka amayeri yo kugira ngo inyange ibone abana bayo. Nuko abaha intego ya kabiri. Umukecuru ati: "Nimwende ibivomesho muge kuvoma kandi mubanguke, utanga undi hano kandi afite amazi aze atware abana be." Inyange ihabwa ikibindi kizima naho igikona gitwara urutete. Inyange n'igikona bishyira nzira, biragenda biravoma. Inyange iravoma irataha naho igikona kikavoma bihita. Kirakomeza kirahanyanyaza ariko biranga biba iby'ubusa.

Inyange igeze ku mukecuru ayiha abana bayo, irigurukira iritahira. Igikona na cyo aho gitahukiye kiza kitotomba kiti: “Mvoma bihita, mvoma bihita!” Kigera mu rugo cyamwaye. Umukecuru ati: “Subirayo”. Gisubirayo kiravoma, cyagera haruguru amazi agashiramo. Kigasubirayo cyagera haruguru amazi agashiramo. Nuko kiratagangara kitura mu iriba kimira nkeri. Si nge wahera, hahera igikona n’ubugome bwacyo.

**IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 25)**

1) Emeza cyangwa uhakane ukoresheje **“Ni byo”** cyangwa **“Si byo”. (amanota 4)**
   (a) Uyu mwandiko ni igitekerezo.
   (b) Inyange yari yabyaye abana babiri.
   (c) Igikona n’inyange byababaga mu cyari kimwe.
   (d) Umukecuru wakiriye abana b’inyange yari afite ubumuga.

2) Hitamo igisubizo cy’ukuri ugendeye ku mwandiko. **(amanota 4)**
   **(A) Ni iki cyatumye igikona kiba abana b’inyange?**
   (a) Ni uko cyabonaga ari beza cyane.
   (b) Cyashakaga kubicisha inzara.
   (c) Cyabonaga abacyo barya cyane.
   **(B) Kubera iki igikona cyagiye kubitsa abana umukecuru?**
   (a) Cyari kibonye ko inyange igikurikiye.
   (b) Kubera ko cyari kimaze kunanirwa.
   (c) Cyagiraga ngo umukecuru abahe amata.
   **(C) Ni abahe bantu inyange yabajije ishakisha abana bayo?**
   (a) Abatashyi, abahinzi n’abashumba
   (b) Umukecuru, abahinzi n’abashumba
   (c) Umukecuru, abahinzi n’abatashyi.
   **(D) Umukecuru yakoreye iki abana b’inyange?**
   (a) Yabahaye amata aranabaryamisha
   (b) Yarabakarabije aranabaryamisha
   (c) Yarabakarabije abaha amata bararuhuka.

3) Tanga ingero eshatu (3) zerekana ibikorwa bibi bigaragara muri uyu mwandiko. **(amanota 3)**

4) Simbuza amagambo atsindagiye impuzanyito zayo. **(amanota 4)**
   (a) Irukana icyo **gikona** kitanyonera ubunyobwa.
   (b) Inyange igaruka **bwangu**, isanga mu cyari harimo abana b’igikona.
   (c) Umujura yabonye umuporisi **agira** ubwoba.
   (d) Uvomera mu rutete avoma **bimeneka**.

5) Simbuza amagambo atsindagiye imbusane zayo. **(amanota 4)**
   (a) Inyange igaruka **bwangu**.
   (b) Igikona **giheka** abana b’inyange kiragenda.
   (c) Nuko inyange **ikomeza** urugendo.
   (d) Umukecuru ati: "Hoshi **ngwino** nge kukwereka".

6) Andika amagambo ahuje ibisobanuro n’aya dusanga mu mwandiko:

**(amanota 4)**

(a) Cyanga kuva ku izima:
(b) Kigerageza uko gishoboye biranga:
(c) Kivugisha nabi kibitewe n'umujinya:
(d) Nimutore:

7) Uyu mwandiko ugusigiye irihe somo ry'ubuzima? **(amanota 2)**

**IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (amanota 25)**

8) Emeza cyangwa uhakane ukoresheje **"Ni byo"** cyangwa **"Si byo"**.**(amanota 5)**

(a) Amazina mbonera aba agizwe n'uturemajambo dutatu.
(b) Amazina gakondo ni amazina y'umwimerere adakomoka ku nshinga.
(c) Mu Kinyarwanda dusangamo n'amazina mbonera akomoka mu ndimi z'amahanga.
(d) Amazina rusange yandikishwa inyuguti nkuru aho ari hose mu nteruro.
(e) Indanganteko ni ko karemajambo k'izina kagaragaza inteko iryo zina ribarizwamo.

9) Hitamo igisubizo cy'ukuri ugendeye ku **bwoko bw'amagambo** atsindagiye: **(amanota 5)**

Hari hateraniye abantu **benshi** ariko igitangaje ni uko harimo abatazi gutandukanya **ikiza** n'ikibi. Nuko arabitegereza ati: "N'ubundi umugabo **mbwa** aseka **imbohe**." Afata akabando **ke** yikomereza urugendo.

**(A) benshi:**
(a) ntera
(b) ikinyazina
(c) igisantera

**(B) ikiza:**
(a) igisantera
(b) ntera
(c) izina ntera

**(C) mbwa:**
(a) izina ntera
(b) igisantera
(c) ntera

**(D)** imbohe:
(a) izina rusange
(b) izina bwite
(c) izina ntera

**(E) ke:**
(a) ikinyazina ngenga
(b) ikinyazina ngenera
(c) ikinyazina ngenera ngenga

10) Ugendeye ku magambo atsindagiye, emeza cyangwa uhakane ukoresheje **“Ni byo”** cyangwa **“Si byo”** ku birebana n’uturemajambo twayo. **(amanota 5)**

Atangira kwibaza aho **uwo** mwana yatumye **igitabo** yaheze. Bagiye kubona babona araje ahumagira avuga ko yakererejwe n’**imfizi** yarishaga mu rwuri. Yahise ashyira icyo gitabo ku meza iruhande rw’**akebo** hanyuma ajya gufasha murumuna we imirimo. N’ubundi ngo: “Agahanga **umugenzi** kaba iyo agiye.”

(a) **uwo:** u-wo
(b) **igitabo**: i-ki-tabo
(c) **imfizi**: i-n-fizi
(d) **akebo**: a– ka-ibo
(e) **umugenzi:** u-mu-gend-i

12) **“nge”** yisimbuze “**twe**” hanyuma ukore isanisha rikwiye. **(amanota 5)**

Ubusanzwe nge sinkunda gutembera bwije. Ejobundi nagiye gusura inshuti yange ituye mu gacyamo.

13) Garagaza inteko z’amagambo atsindagiye mu nteruro zikurikira: **(amanota 5)**

(a) Yatwakiranye umutima **mwiza** wuje **urugwiro**.
(b) Umutima muhanano ntiwuzura **igituza**.
(c) **Abagabo** bararya **imbwa** zikishyura.

## IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW’URURIMI (amanota 25)

14) Emeza cyangwa uhakane ukoresheje **“Ni byo”** cyangwa **“Si byo”(amanota 4)**

(a) Umwandiko ntekerezo ni umwandiko muhimbano akenshi uvuga ibintu bisanzwe mu buzima binyujijwe mu magambo n’imvugo zishushanya.
(b) Umwandiko mvugo shusho ugaragaza ikivugwa uko kiri, ukagaragaza imiterere y’ikintu iki n’iki binyujijwe mu magambo n’imvugo zishushanya icyo kivugwa.
(c) Umuvugo wandikwa mu mikarago.
(d) Umuyobozi w’ikiganiro mpaka bamwita umusangiza w’amagambo.

15) Hitamo igisubizo kiri cyo. **(amanota 4)**

(a) Utuvugo tugufiya abasizi bahimbiraga gushyenga ni …………… (ikivugo, uturingushyo, igorane).
(b) Imvugo yuje isubirajwi ikoresha amagambo y’indobanure maze kuyakurikiranya bikagorana, cyane iyo uyavuga ashatse kuyasubiramo yihuta yitwa …………. (ikivugo, uturingushyo, igorane).
(c) Umuvugo umuntu yiratamo ubutwari cyangwa akamaro yagize ubamo cyane isubirajwi witwa ……………. (ikivugo, uturingushyo, igorane).
(d) Umwandiko w’ubuvanganzo ukoreshejwemo imvugo ijimije yiganjemo uturango tw’ikeshamvugo uvuga ku muntu cyangwa ikintu runaka ni …………………. (akaringushyo, umuvugo, igorane)

16) Ica ibisakuzo bikurikira: Sakwesakwe ! **(amanota 5)**

(a) Ndaguteruye ndakwesa, urahindukira urandeba !
(b) Nubatse urugo hejuru y’urupfu !

(c) Mpa umweru wanjye ngabire abana!
(d) Nkeje Umwami wo mu kirere, angabira ibiryoshye!
(e) Nkubuze sinabaho!

17) Tandukanya amagambo yandikwa atya ukurikije ubutinde bw'imigemo: **(amanota 6)**

(a) guhuma(kw'impyisi)...................≠ .......................... (amaso)
(b) gutara (amakuru)...................≠ .......................... (ibitoki)
(c) gufungura (urugi) ...................≠ .......................... (kurya)

18) Erekana akamaro k'umuyobozi w'ibiganiro mpaka. **(amanota 6)**

**IGICE CYA KANE: IHINAMWANDIKO N'IHANGAMWANDIKO (amanota 25)**

19) Hina uyu mwandiko **"Igikona, inyange n'umukecuru"** mu mirongo cumi n'itanu wubahiriza amabwiriza y'ihinamwandiko. **(amanota 10)**

20) Wubahiriza imbata y'ibaruwa ya gicuti, andikira mugenzi wawe wiga mu Rwunge rw'Amashuri rwa MUHARURO umuratire ibyiza wabonye ku kigo wigaho n'ibyo umaze kuhungukira mu gihe uhamaze. **(amanota 15)**

.......................................................**IHEREZO**................................................

**IKINYARWANDA UMWAKA WA MBERE W'AMASHURI YISUMBUYE**

**IMBONERA Y'IKOSORA**

**IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 25)**

1) Kwemeza cyangwa guhakana ukoresheje **"Ni byo"** cyangwa **"Si byo". (amanota 4)**
   (a) Uyu mwandiko ni igitekerezo. **Si byo (1)**
   (b) Inyange yari yabyaye abana babiri. **Ni byo (1)**
   (c) Igikona n'inyange byabaga mu cyari kimwe. **Si byo (1)**
   (d) Umukecuru wakiriye abana b'inyange yari afite ubumuga. **Ni byo (1)**
2) Hitamo igisubizo cy'ukuri ugendeye ku mwandiko. **(amanota 4)**
   **(A) Ni iki cyatumye igikona kiba abana b'inyange?**
   (a) Ni uko cyabonaga ari beza cyane. **(1)**
   **(B) Kubera iki igikona cyagiye kubitsa abana umukecuru?**
   (b)Kubera ko cyari kimaze kunanirwa. **(1)**
   **(C) Ni abahe bantu inyange yabajije ishakisha abana bayo? (1)**
   (c)Umukecuru, abahinzi n'abatashyi. **(1)**
   **(D) Umukecuru yakoreye iki abana b'inyange?**
   (a) Yabahaye amata aranabaryamisha **(1)**
3) Ingero zerekana ibikorwa bibi bigaragara muri uyu mwandiko: **(amanota 3)** Kwiba abana, **(1)** kwita abana ko ari babi, **(1)** kurwana, **(1)** guhimana (igikona baragihimye kivomera mu gitobotse
4) Gusimbuza amagambo atsindagiye impuzanyito zayo. **(amanota 4)**
   (a) Irukana icyo **gikona= kiyoni (1)**kitanyonera ubunyobwa.
   (b) Inyange igaruka **bwangu=vuba (1)**, isanga mu cyari harimo abana b'igikona.
   (c) Umujura yabonye umuporisi **agira=ashya(1)** ubwoba.
   (d) Uvomera mu rutete avoma **bimeneka=bihita (1)**.
5) Gusimbuza amagambo atsindagiye imbusane zayo. **(amanota 4)**
   (a) Inyange igaruka **bwangu ≠ itinze**. **(1)**

(b) Igikona **giheka ≠ cyururutsa (1)**abana b'inyange kiragenda.
(c) Nuko inyange **ikomeza ≠ ihagarika (1)**urugendo.
(d) Umukecuru ati: "Hoshi **ngwino ≠ genda (1)**nge kukwereka".

6) Amagambo ahuje ibisobanuro n'aya dusanga mu mwandiko: **(amanota 4)**
   (a) Cyanga kuva ku izima: kiratsimbarara **(1)**
   (b) Kigerageza uko gishoboye biranga: kirahanyanyaza **(1)**
   (c) Kivugisha nabi kibitewe n'umujinya: kitotomba **(1)**
   (d) Nimutore: nimwende **(1)**
7) Isomo ry'ubuzima: Kwemera uko ndi **(1)** sindarikire iby'abandi Imana itangeneye **(1)** **(amanota 2)**

**IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (amanota 25)**

8) Kwemeza cyangwa guhakana ukoresheje **"Ni byo" na "Si byo"**.**(amanota 5)**
   (a) Amazina mbonera aba agizwe n'uturemajambo dutatu. **Ni byo (1)**
   (b) Amazina gakondo ni amazina y'umwimerere adakomoka ku nshinga. **Si byo (1)**
   (c) Mu Kinyarwanda dusangamo n'amazina mbonera akomoka mu ndimi z'amahanga. **Ni byo (1)**
   (d) Amazina rusange yandikishwa inyuguti nkuru aho ari hose mu nteruro. **Si byo (1)**
   (e) Indanganteko ni ko karemajambo k'izina kagaragaza inteko iryo zina ribarizwamo. **Ni byo (1)**
9) Guhitamo igisubizo cy'ukuri ugendeye ku **bwoko bw'amagambo** atsindagiye:**(amanota 5)**

   **(A) benshi:**

   (a) ntera **(1)**

   **(B) ikiza:**

   (c)izina ntera **(1)**

   **(C)** mbwa:

   (b)igisantera **(1)**

   **(D)** imbohe:
   (a) izina rusange **(1)**
   **(E) ke:**
   (c)ikinyazina ngenera ngenga **(1)**
10) Kwemeza cyangwa uhakane ukoresheje **"Ni byo"** cyangwa **"Si byo"** ku birebana n'uturemajambo twayo. **(amanota 5)**
   (a) **uwo:** u-wo **Si byo (1)**
   (b) **igitabo**: i-ki-tabo **Ni byo (1)**

(c) **imfizi**: i-n-fizi **Si byo (1)**
(d) **akebo**: a– ka-ibo **Ni byo (1)**
(e) **umugenzi**: u-mu-gend-i **Si byo (1)**

12) **"nge"** kuyisimbuza "**twe**" . **(amanota 5)**

Ubusanzwe **twe (1) ntidukunda (1)** gutembera bwije. Ejobundi **twagiye(1)** gusura inshuti **zacu(1) zituye(1)** / **yacu ituye** mu gacyamo.

13) Inteko z'amagambo atsindagiye mu nteruro zikurikira: **(amanota 5)**

(a) mwiza nt.3 **(1)** urugwiro nt.11 **(1)**

(b) igituza: nt.7**(1)**

(c) abagabo: nt.2 **(1)** imbwa: nt.10 **(1)**

## IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 25)

14) Emeza cyangwa uhakane ukoresheje **"ni byo"** cyangwa **"si byo"(amanota 4)**

(a) Umwandiko ntekerezo ni umwandiko muhimbano akenshi uvuga ibintu bisanzwe mu buzima binyujijwe mu magambo n'imvugo zishushanya. **Si byo (1)**
(b) Umwandiko mvugo shusho ugaragaza ikivugwa uko kiri, ukagaragaza imiterere y'ikintu iki n'iki binyujijwe mu magambo n'imvugo zishushanya icyo kivugwa. **Ni byo (1)**
(c) Umuvugo wandikwa mu mikarago. **Ni byo (1)**
(d) Umuyobozi w'ikiganiro mpaka bamwita umusangiza w'amagambo. **Si byo (1)**

15) Hitamo igisubizo kiri cyo. (**amanota 4)**

(a) Utuvugo tugufiya abasizi bahimbiraga gushyenga ni **uturingushyo (1)**.
(b) Imvugo yuje isubirajwi ikoresha amagambo y'indobanure maze kuyakurikiranya bikagorana, cyane iyo uyavuga ashatse kuyasubiramo yihuta yitwa **igorane (1)**.
(c) Umuvugo umuntu yiratamo ubutwari cyangwa akamaro yagize ubamo cyane isubirajwi witwa **ikivugo (1)**.
(d) Umwandiko w'ubuvanganzo ukoreshejwemo imvugo ijimije yiganjemo uturango tw'ikeshamvugo uvuga ku muntu cyangwa ikintu runaka ni **umuvugo (1)**.

16) Kwica ibisakuzo bikurikira :**(amanota 5)**

(a) Ndaguteruye ndakwesa, urahindukira urandeba ! Ubunyereri **(1)**
(a) Nubatse urugo hejuru y'urupfu ! Ubwato hejuru y'amazi **(1)**
(b) Mpa umweru wanjye ngabire abana ! Amata **(1)**
(c) Nkeje Umwami wo mu kirere, angabira ibiryoshye! Inzuki **(1)**
(d) Nkubuze sinababaho! Umutwe **(1)**

17) Gutandukanya amagambo ukurikije ubutinde bw'imigemo:**(amanota 6)**

(a) guhuuma **(1)** ≠ guhuma **(1)**

(b) gutaara **(1)** ≠ gutara **(1)**

(c) gufuunguura **(1)** ≠ gufuungura **(1)**

18) Akamaro k'umuyobozi w'ibiganiro mpaka:**(amanota 6)**

**Umuyobozi w'ibiganiro mpaka :**

Ni umuntu uba ushinzwe guhuza izo mpande zombi **(1)**

Ni we utangaza insanganyamatsiko **(1)**

agatanga umurongo ngenderwaho/amabwiriza **(1)**

Ni we kandi werekana ingufu n'imbaraga nke z'ibitekerezo bya buri ruhande **(1)**

afasha mu kumvikanisha impande zombi **(1)**

akanageza impande zombi ku mwanzuro **(1)**

**IGICE CYA KANE: IHINAMWANDIKO N'IHANGAMWANDIKO (amanota 15)**

19) Guhina umwandiko **"Igikona, inyange n'umukecuru"** mu mirongo cumi n'itanu**(amanota 10)**

**IMISUSIRE: (amanota 4)**

- Uburebure **(1)**
- Isuku n'imigaragarire **(1)**
- Inozamvugo **(1)**
- Imyandikire **(1)** amakosa abiri y'imyandikire yakoze atakaza **(0.5)**

**INGINGO: Ingingo nibura 3 z'ingenzi (amanota 6)**

- Ivuka ry'abana b'inyange n'ab'igikona;
- Ishakishwa ry'abana b'inyange;
- Iboneka ry'abana b'inyange n'igihano k'igikona.

Buri ngingo ihinnye mu magambo yumvikana ihabwa **amanota abiri(amanota 2)**

20) Ibyitabwaho mu gukosora ibaruwa: **(amanota 15)**

**A. Imisusire (amanota 7)**

- Umwirondoro w'uwandika: **(1)**
- Aho yanditse ari n'itariki: **(1)**
- Kugaragaza uwo yandikira: **(1)**
- Amazina n'umukono by'uwandika: **(1)**
- Isuku n'imigaragarire: **(1)**

- Imbata: **(2)**

**B.** Ibizagaragara mu ibaruwa: **(amanota 8)**

**Ibika nibura bitatu**

- Igika kibanza kirimo indamukanyo: **(2)**
- Igika gikurikira kirimo ubutumwa yasabwe gutambutsa: **(4)**
- Igika giheruka kirimo gusoza, gushimira no gusezera: **(2)**

Uwandika n'aho abarizwa — Aho ari n'itariki.

Uwandikiwe n'aho abarizwa

Amagambo ahamagara uwandikiwe,

Igika gisuhuza

.............................................................................................

.............................................................................................

Igika cyangwa ibika bikubiyemo ubutumwa nyirizina

.............................................................................................

.............................................................................................

.............................................................................................

.............................................................................................

...........................................................

Igika gisezera

.............................................................................................

.............................................................................................

Umusozo w'ibaruwa
Izina ry'uwanditse
Umukono w'uwanditse